# Impuruza: Gutera inkunga imishinga y'ubuhanzi ya Weekend Culturel DÉCOLONIAL 2024

IRIBA ry'Umurage Ndangamuco n'Amateka (IRIBA Center) hamwe n'ikigo cy'Abadage giharanira iterambere ry'ibikorwa ndangamuco (Goethe Institute), batanze impuruza yo gutera inkunga imishinga y'ubuhanzi izamurikwa muri Weekend Culturel DÉCOLONIAL 2024, gahunda ngarukamwaka y'IRIBA, icyiciro cya 6. Iyo gahunda iba mu Ukwakira , mu minsi 3 igaragiye uwa 27 Ukwakira, ari wo munsi mpuzamahanga w'Umurage mu mvugo n'amashusho (patrimoine audiovisuel), washyizweho na Unesco.

Uretse guhangara gusesengura no kurandura ingengabitekerezo ya gikoloni, iyi mpuruza irasaba abahanzi kugaruka ku gukorera hamwe no gufatanya; ihererekanya bumenyi hagati y'abato n'abakuru; kubungabunga ubuhanzi n'ubumenyi buri mu nzira yo gucika/kuzimira (indirimbo n'imbyino, ubukorikori n'ibindi) no Kudaheza mu guhanga ukora ku muco ( Abahanzi batabasha kuvuga indimi z'amahanga zubakiwemo impuruza cyangwa batabasha gukoresha uburyo bugezweho, nyamara bafite inganzo). Umushinga ushobora kwandikwa mu gifaransa, mu cyongereza cyangwa mu Kinyarwanda.

Mushobora guhitamo umwe muri iyi mishinga ikurikira:

## Ubwoko bw'imishinga yitezwe:

### Imishinga ihuza abahanzi, bagahangira hamwe (3-4):

- Umuhanzi umwe usobanukiwe kandi umenyereye uko bandika imishinga, akaba afite ubushobozi bwo kwandika inyandiko-mvugo isobanura ibikorwa byakozwe umushinga urangiye, akanabasha gusobanura uko inkunga yakoreshejwe.
- Uwo muhanzi asabwa kwemera gukorana n'abandi, batabasha kugera kuri iyi mpuruza, bagahangira hamwe, mu bufatanye n'ubwuzuzanye

### Imishinga igamije gukorana no gutoza abato:

- Umuhanzi umwe ufite ubunararibonye, wiyemeza gukorana n'itsinda ry'abato, cyane cyane abatuye mu cyaro, batoroherwa no gushyikira iyi mpuruza.
- Akibanda ku abato bagitangira guhanga kugirango abigishe kandi anoze ibyo batangiye, atyaze ubumenyi bafite. Ejo nabo bashobora kubera imbarutso abandi.

### Imishinga ihuza abahanzi bakuru n'abato hagamijwe guhererekanya ubumenyi no kujyana mu nganzo:

- Umuhanzi, ukiri muto mu myaka, uzakorana n'abahanzi bakuze (1-2), mu rwego rwo guhererekanya ubumenyi, kunganira ibihangano by'abato no kwegeranya ubuhanga buri mu nzira yo kuzimira ( Ubuvanganzo, ubugeni n'ubukorikori), ngo bubungabungwe

### Imishinga y'umuhanzi wahisemo gukora ku giti cye:

- umuhanzi ku giti cye, ufite umushinga mushya cyangwa uwo asanzwe yarateruye, akaba akeneye indi ntambwe ifatika (cyangwa icyiciro), ashaka kongera mu mushinga afite.

IRIBAcenter

*For Multimedia Heritage*

GOETHE INSTITUT

**Ibizagenderwaho mu guhitamo imishinga iterwa inkunga:**

- Kubasha gusobanura byumvikana icyerekezo n'umumaro w'umushinga
- Kwerekana ko umushinga ushoboka mu gihe cyagenwe, no ku nkunga yatanzwe
- Kwerekana ubwuzuzanye no kudaheza mu mishinga ikorewe hamwe
- Kwizihiza umurage ndangamuco wo mu Karere duherereyemo
- Celebrate the region's cultural heritage
- Imishinga yose izakirwa, igomba kuzamurika umusaruro mu gihe cya WEEKEND CULTUREL DÉCOLONIAL, 2024 ( Ukwakira 2024)

# Ibibazo byibazwa kenshi

**Ibyo Centre IRIBA na Goethe Institut biyemeje gutangamo inyunganizi:**

- Abahangira hamwe: Kutajya hejuru ya 1500 000 frw
- Umuhanzi ku giti cye: Kutajya hejuru ya 750 000 frw
- Umushinga uzaba watoranijwe, umaze kwemezwa, uzahabwa ku ntangiriro, 80% y'inkunga wemerewe andi 20% uyahabwe bamaze gutanga inyandiko zigaragaza uko umushinga wagenze n'uko inkunga yakoreshejwe
- Gutanga amahugurwa yo kongerera ubushobozi abahanzi no gutegura ibiganiro hagati, y'abahanzi bakuru bafite inararibonye n'abato,
- Gutanga aho gukorera imyitozo, ku babyifuza (IRIBA & Goethe)
- Gutanga urubuga ruzamurikirwamo umusaruro uvuye mu nganzo, no kuwuha agaciro

**Ninde wemerewe guhiganwa?**
Iyi mpuruza irareba abahanzi b'Abanyarwanda n'abaturuka mu Karere k'Ibiyaga Bigari baba mu Rwanda.

**Nihe wohereza umushinga?**
Umushinga ushobora kwandikwa mu gifaransa, mu cyongereza cyangwa mu Kinyarwanda ukoherezwa kuri izi email zikurikira
IRIBA Center: am.dir.berd@gmail.com and Goethe-Institut : assistant-kigali@goethe.de

**Ni izihe nyandiko zisabwa?**
Inyandiko yose y'umushinga ntirenza impapuro/pages 3, harimo ingengo y'imari n'ingengabihe y'ibikorwa. Iyo nyandiko iherekezwa n'umwirondoro w'umuhanzi + n'umwirondoro uvunaguye w'abo bari kumwe ku bazahanga bari mu itsinda.

**Igihe ntarengwa cyo gutanga imishinga:**
Igihe ntarengwa cyo kuba umushinga watanzwe ni  kuwa gatanu, 23 Nyakanga 2024, saa sita z'ijoro

**Nibiki bikorwa nyuma yo gutanga umushinga?**
Kwakira, kwiga no gusubiza abatanze imishinga bose, mu buryo buteganijwe.
Guherekeza no gufasha imishinga izaba yatoranyijwe.

**Mu gihe ngize ikibazo gute nakibaza?**
Tubatumiye munama yo gusobarura iyi mishinga izaba talaki 6 kamba 2024, saa kumi zu´umugoroba (16:00) Iyi nama izabera kuri Centre IRIBA kuri KN1Ave,  108 muri Kigali.

IRIBAcenter
For Multimedia Heritage

GOETHE INSTITUT